REPUBULIKA Y'U RWANDA

Gatsibo, Kuwa 23/02/2018
Ref No Njy .829../07.05.03/09.

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO

AKARERE KA GATSIBO

gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba- Rwamagana.

Impamvu: Kubagezaho imyanzuro y'inama.

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho, ku mugereka w'iyi baruwa, imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateranye kuri uyu wa Gatanu tariki ya 23/2/2018.

Mugire amahoro.

RUKEMANGANIZI Cyprien

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **Gatsibo.**

Bimenyeshejwe:

-Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu -KIGALI.

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo.

IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YATERANYE KUWA GATANU TARIKI YA 23/02/2018

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa gatanu tariki ya 23/01/2018, iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana RUKEMANGANIZI Cyprien.

Inama yatangiye imirimo yayo saa tanu (11H00) hari Abajyanama 19 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere.

Inama yitabiriwe n'Abayobozi b'Inzego z'ibanze zikora ku mbibi z'Ikigo cya Gisirikare cya Gabiro na bamwe mu borozi bagituriye bari batumiwe.

Ku murongo w'ibyigwa hateganyijwe ingingo imwe gusa:

Gushakira umuti urambye ikibazo cy'amatungo aragirwa mu kigo cya Gisirikare cya Gabiro n'abantu bakivogera ku mpamvu zinyuranye.

Umuyobozi w'Inama Njyanama amaze guha ikaze Abajyanama n'abandi batumirwa, agasobanura impamvu hatumijwe inama idasanzwe, yasabye Umuyobozi w'Akarere, Umujyanama GASANA Richard, ku buryo burambuye, kugeza ku Bajyanama imiterere y'ikibazo kirebana no kuvogera Ikigo cya Gisirikare cya Gabiro n'ingaruka zigera ku baturage by'umwihariko no ku gihugu muri rusange.

Kuvogera ikigo bikorwa n' amatungo (inka n'andi matungo magufi) arishamo, abantu bajyamo gutashya inkwi, guhakura ubuki, gucukura amabuye y'agaciro, kuremamo inzira no guhinga.

Mu ngaruka zagaragajwe harimo :

- Kubangamira imyitozo ya gisirikare ikorerwa mu kigo;
- Abantu bashobora kuhatakariza ubuzima;
- Ikwirakwiza ry'indwara mu matungo kubera kwanduzwa n'inyamaswa z'ishyamba zibana nazo ntacyo zizitwaye (Urugero: Uburenge);
- Iyangizwa ry'ibidukikije(gutwika,gutema ibiti,...).

Inama Njyanama imaze kumva uburemere bw'ikibazo, kucyunguranaho ibitekerezo no kumva ubuhamya bwa bamwe mu batumirwa bari bitabiriye, yemeje mu bwumvikane busesuye imyanzuro ikurikira:

1. Guteza cyamunara itungo ryose (inka, ihene, intama n'ayandi) ryafatiwe mu kigo cya Gisirikare cya Gabiro.
2. Amafaranga yose azava mu cyamunara, azajya ashyirwa mu isanduku ya Leta.
3. Guhana umuturage wese ufatiwe mu kigo cya Gisirikare cya Gabiro hakurikijwe ibiteganywa n' amategeko.
4. Gusaba Komite Nyobozi y'Akarere ko mu bufatanye n' Ubuyobozi bw'Ikigo cya Gisirikare cya Gabiro, mu gihe cya vuba, hashyirwaho gahunda yihariye yo gukangurira abaturage imyanzuro y'iyi nama.

Umwanditsi w'inama

.....

YANKURIJE Marie Goretti

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'inama

.....

RUKEMANGANIZI Cyprien

Umuyobozi w'Inama Njyanama